CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA ITANGAZA YUBILE Y'IMPURIRANE YO MURI 2025

## TWITEGURE GUHIMBAZA IMYAKA 2025 Y'UGUCUNGURWA KWACU N'IMYAKA 125 INKURU NZIZA IGEZE MU RWANDA

### Intangiriro

Bakristu dukunda,

1. Kuri iki cyumweru dutangiye igihe cya Adiventi kidufasha kwitegura no gutegerezanya amizero amaza ya Nyagasani. Umuhanuzi Izayi yatwibukije ko Uhoraho ari Umubyeyi wacu dukwiye kwizera rwose. Nubwo turi abanyabyaha n'abanyantege nke, ntiyigera atwibagirwa, ndetse no mu bihe by'amage ntadutererana. Ni yo mpamvu tutabura kumushimira iyo neza, kuko adatezuka ku isezerano, akaduhaza ingabire z'amoko yose muri Kristu, nk'uko na Pawulo Mutagatifu yabitubwiye. Ibyo bidutera kudakangwa no kudatwarwa n'ibihita, ahubwo tugahora turi maso, dukereye kwakira Umukiza wacu nk'uko twabyumvise mu Ivanjili. Koko bavandimwe, Imana Umuremyi wacu yadukunze byimazeyo kugeza ubwo itwoherereje Umwana wayo w'ikinege wigize umuntu akabana natwe tukibonera ikuzo rye (Yh 1,14).

2. Mu kwishimira iyo neza y'Imana itagereranywa, twebwe Abepiskopi banyu, tunejejwe no kubatangariza Yubile y'impurirane y'imyaka 2025 ishize Jambo w'Imana yigize umuntu akaza muri iyi si kuducungura, n'imyaka 125 Inkuru nziza igeze mu Rwanda. Tubishimiye Imana. N'ubwo Yubile nyirizina izahimbazwa mu mwaka wa 2025, ni ngombwa gutangira urugendo ruyitegura. Uyu mwaka w'ikenurabushyo 2023-2024 uzaba uwo kwitegura bya hafi Yubile kugira ngo abazayihimbaza bose izabagirire akamaro. Ni umugisha udasanzwe, ni ubuntu bw'Imana kuri Kiliziya Gatolika mu Rwanda, kuba izo Yubile zombi zihurirana. Tuzifatanya na Kiliziya y'isi yose mu gihe natwe duhimbaza Yubile yacu bwite.

3. Yubile ni igihe cyo gushimira Imana koko no gutangaza impuhwe zayo. Ni igihe cyo kuzirikana urukundo ruhebuje rw'Imana no kurusakaza mu muryango wayo. Ni igihe cyiza Imana iduhaye cyo gusubiza amaso inyuma tukazirikana ibyiza by'Imana mu mateka yacu no ku mukiro dutegereje. Ni igihe cyo kurushaho gusenga tubikuye ku mutima, kwivugurura mu mibereho yacu, no gufata imigambi mishya mu iyogezabutumwa rya Kiliziya no mu buzima bwacu bwa gikirisitu, tumurikiwe na Yezu Kristu, we Mizero yacu.

**Tugendane amizero**

4. Insanganyamatsiko rusange ya Yubile y'ugucungurwa kwacu ni "***Abagendana amizero***", nk'uko Nyirubutungane Papa Fransisko yabitumenyesheje[1]. Imana yaduhaye ibyiza muri Yezu Kristu Umwana wayo, yaduhaye ubugingo bw'iteka. Muri iki gihe turimo, turangajwe na byinshi bitwereka imbaraga n'ubushobozi bya muntu n'ibyiza biri kuri iyi si, kugera n'aho bamwe bibagirwa uwo bikomokaho. Hari na byinshi tubona bigaragaza umuntu nk'uhorana inyota n'irari ry'iby'isi, akaba ari byo byonyine ashingiraho ubuzima n'imibereho ye. Nanone hari ibibazo binyuranye bitera abatuye isi yacu guhagarika umutima: twavuga nk'ingorane zikomoka ku iyangizwa ry'urusobe rw'ibinyabuzima n'ibindi bidukikije, ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe bidasanzwe, indwara z'ibyorezo zinyuranye, amakimbirane n'intambara mu bice bimwe na bimwe by'isi n'ibindi. Niyo mpamvu guhimbaza Yubile bisaba kugaruka ku Mana no ku byiza idusezeranya tukaba tubyizeye ubutarambirwa.

5. Muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda, twabahitiyemo insanganyamatsiko igira iti **"Turangamire Kristu: Soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro"** (Ef 2,11-22). Turabashishikariza kuzasoma iyo mirongo ya Bibiliya mwitonze kuko ari yo shingiro ry'iyi nsanganyamatsiko mukayikuramo impamba y'ubuzima. Tuzahimbaza iyi Yubile dufite ukwizera muri Kristu Nyagasani, duharanira gukuza ubuvandimwe n'amahoro. Mu mateka yacu, ubuvandimwe bwagiye bugira byinshi bibutokoza, ahanini bifatiye ku gushyira imbere ibintu no kwimura Imana. Igihe cya Yubile kitubere umwanya wo gusubiza amaso inyuma tureba ibyo twashoboye n'ibyatunaniye kimwe no gushimangira ibyiza twagejejweho no kumenya Imana,

[1] Reba Ibaruwa yo kuwa 11/02/2022 Nyirubutungane Papa Fransisko yandikiye Nyiricyubahiro Myr Rino Fisichella, Perezida w'Urwego rukuru rwa Kiliziya rushinzwe kwimakaza Iyogezabutumwa rivuguruye, p.2

dusaba imbabazi aho twateshutse ku mategeko yayo bikatuviramo ibyago no gutakaza ubuvandimwe bwacu.

**Duhimbaze Yubile dute?**

6. Muri iyi Yubile, abakristu bose mu byiciro binyuranye barasabwa kwinjira muri uru rugendo, iyi Yubile bakayigira igikorwa cyabo kandi ikabafasha kwisuzuma, kwisubiraho no kwiyubaka kurushaho mu bukristu bamurikiwe na Roho Mutagatifu. Buri wese akurikije umuhamagaro we n'ingabire yahawe arasabwa kwitegura no gutanga umuganda we mu kuyihimbaza neza.

7. Abasaseridoti bo bagabuzi b'amabanga y'Imana barasabwa gutegurira neza abakristu kwinjira muri Yubile no kurushaho kwegerana n'Imana. Yubile ibabere igihe cyo gufata ingamba nshya zo kwamamaza Inkuru Nziza mu bihe turimo kuko ari wo murimo wa ngombwa bashinzwe (1 Kor 9, 16). Ni umurimo wa gitumwa bakwiye gukora batirengagije imihindagurikire itandukanye y'ibi bihe turimo ku mpande zose. Abasaseridoti bazarusheho gufasha abakristu guhimbaza neza amasakaramentu abaha ubuzima bw'Imana cyane cyane isakaramentu rya Penetensiya. Turabasaba gukomeza icyizere mu bagitaye, guhumuriza abahungabanyijwe n'ibibazo bitandukanye bahura na byo mu buzima bwa buri munsi, bityo babashe gukomera mu kwemera.

8. Abiyeguriyimana mu miryango inyuranye ni impano Imana yahaye Kiliziya. Turabasaba kurushaho kuba hafi y'umuryango w'Imana bafatanye urunana n'abawugize bose bityo impano zabo zikarushaho kwera imbuto rwagati mu bantu.

9. Abalayiki mu byiciro bitandukanye na bo bahamagariwe kwinjirana ingamba nshya muri iyi Yubile. Urubyiruko n'abana basabwe kuba abahamya b'icyizere mu buzima bwabo, mu miryango remezo, mu kazi bakora, mu butumwa bunyuranye basohoza mu miryango y'agisiyo gatolika n'andi mahuriro.

10. Ingo z'abakirisitu zihamagariwe kuba igicumbi cy'ubukristu. Turashimira Imana kubera ingo nyinshi zakomeje kwitwara neza, zigakomeza ubudahemuka ku isezerano ry'urukundo. Turasaba ababyeyi gukomeza gutanga uburere bwibanda ku migenzo myiza ya gikirisitu kandi bakihatira kurwanya ibyangiza urukundo mu bashakanye. Ingo zugarijwe n'amakimbirane zifate Yubile nk'igihe cyo kwiyunga no kugarukira Imana, bityo zizasubirane icyizere n'ibyishimo.

11. Urubyiruko ni amizero y'igihugu na Kiliziya. Bana bacu, turabasaba kwirinda kumira bunguri imico n'imyitwarire itandukanye n'indangagaciro z'ubukristu. Pawulo Mutagatifu na we yabitanzemo inama agira ati: "Kandi ntimukigane ibi bihe turimo, ahubwo nimuhinduke, mwivugururemo ibitekerezo, kugira ngo muzajye mumenya neza ugushaka kw'Imana, ikiri cyiza, icyashimisha n'ikiboneye" (Rom 12, 2). Rubyiruko, Yubile izabafashe kwigarurira icyizere bityo mubashe kuba umunyu n'urumuri rw'isi. Tuzi ko bamwe muri mwe bahangayikishijwe n'ibibazo by'insobe mu buzima no mu mibereho yabo. Amatwara y'Ivanjili azabafashe kugira icyizere muri Nyagasani no kubyaza umusaruro impano zinyuranye Imana yabahaye.

**Ibikorwa rusange bizaduhuza**

12. Nk'uko twabigenje mu gihe cyo guhimbaza Yubile y'imyaka 2000 y'Ugucungurwa, yanahuriranye na Yubile y'imyaka 100 twakiriye Ivanjili mu Rwanda, twateganyije guhimbaza amasakaramentu amwe y'ibanze ndetse n'ibyiciro binyuranye by'abakristu. Iyo mihimbazo itandukanye izabera mu ma diyosezi yose. Ibyo bigamije gutuma abagize umuryango w'Imana twese twiyumva muri iyi Yubile kandi mu guhimbaza amasakaramentu, tugasubira ku isoko y'inema zidutagatifuza, bityo iyi Yubile ikabera buri wese koko igihe cyo kwivugurura.

Buri diyosezi izakira umuhimbazo wihariye ku rwego rw'igihugu, iwutegure uko bikwiye, abandi bakristu bo mu yandi madiyosezi nabo bitabire uko bashoboye. Hashobora no kubaho indi mihimbazo yihariye ku zindi nzego za Kiliziya, nka diyosezi cyangwa paruwasi. Dore ingengabihe rusange y'ibyo tuzakora muri iyi myaka uko ari ibiri:

- ***Itangizwa ku mugaragaro rya Yubile i Kabgayi, ku wa 10/02/2024 :*** Uzaba ari umwanya mwiza wo gutura Imana ibyo tuzakora byose mu gihe cya Yubile.
- ***Guhimbaza Isakaramentu rya Batisimu, i Zaza muri Diyosezi ya Kibungo, ku wa 06/07/2024:*** Aho ni ho umunyarwanda wa mbere yabatirijwe, akurikirwa n'abandi benshi.
- ***Guhimbaza ikenurabushyo ry'abana n'urubyiruko, mu Ruhengeri, ku wa 25/08/2024:*** Bizatubera umwanya wo kuzirikana ku butumwa bwo kwita ku bana n'urubyiruko, binyuze ku buryo bwihariye mu mashuri n'ahandi bahurira.
- ***Ikoraniro ry'Ukaristiya i Butare, ku wa 5-8/12/2024:*** Iri Koraniro rizadufasha kwitegura guhimbaza neza Yubile, turangamira Yezu Kristu mu Ukaristiya.

Insanganyamatsiko Papa yarihaye ku rwego rw'isi igira iti "Ubuvandimwe kugira ngo isi ikire: Mwese muri abavandimwe" (Mt 23, 8).

- ***Guhimbaza ingabire y'ukwiyegurira Imana, i Kibeho muri Diyosezi ya Gikongoro, ku wa 02/02/2025:*** Kubw'ingabire y'ukwiyegurira Imana itarahwemye gukura mu bana b'u Rwanda, tuzashimira Imana tubinyujije ku Mubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo wasuye igihugu cyacu, akaba ari n'urugero ruhebuje rw'ukwiyegurira Imana.
- ***Guhimbaza ubusaseridoti i Shangi muri Diyosezi ya Cyangugu, ku wa 15/06/2025:*** Ku musozi wa Shangi ni ho abapadiri ba mbere bashyikiye, bahahimbariza Misa bwa mbere ku butaka bw'u Rwanda.
- ***Guhimbaza ikenurabushyo ry'umuryango, ku Nyundo, ku wa 02/08/2025:*** Bizaba umwanya wo kunoza imigambi yo gusigasira umuryango ngo ube koko igicumbi cy'ubukristu buhamye.
- ***Guhimbaza ubutumwa bw'abalayiki, i Byumba, kuwa 08/11/2025:*** Yubile izaba igihe cyo kwishimira uruhare ndasimburwa rw'abalayiki mu buzima no mu butumwa bwa Kiliziya.
- ***Gusoza Yubile i Kigali, ku wa 06/12/2025:*** Uwo munsi tuzashimira Imana kubera urugendo rwa Yubile tuzaba dusoje tunayiragiza imigambi myiza tuzaba dukuye muri Yubile idufasha kurushaho kubaka ingoma y'Imana mu Rwanda.

**Umwanzuro**

Bakristu bavandimwe,

Birakwiye ko uru rugendo rwa Yubile turukora dufatanye urunana, kandi mu kwemera. Turashishikariza abagize umuryango w'Imana kuzitabira ibikorwa byose biteganyijwe mu kwitegura no guhimbaza Yubile. Nitwemere kurangamira Yezu no kurushaho kuba abavandimwe muri Kristu. Bikira Mariya Nyina wa Jambo aduherekeze muri uru rugendo, bityo tuzaruronkemo ingabire nyinshi n'umugisha w'igisagirane. Imana ibane namwe.

Bikorewe i Kigali ku wa 30 Ugushyingo 2023

Abepiskopi banyu:

✠ **Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda

✠ **Filipo RUKAMBA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare

✠ **Visenti HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri

✠ **Selesitini HAKIZIMANA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro

✠ **Anakeleti MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo

✠ **Eduwaridi SINAYOBYE**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Cyangugu

✠ **Papiyasi MUSENGAMANA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Byumba

✠**Yohani Mariya Viyani TWAGIRAYEZU**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kibungo

✠ **Balitazari NTIVUGURUZWA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kabgayi